# ITANGAZO RIMENYESHA ISOKO: GUKORANA N'UBWISHINGIZI BW'INDWARA

Ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) buratangaza isoko ryo gukorana na ba Rwiyemezamirimo muri serivisi z'ubuvuzi (RAMA). Icyo gikorwa kigamije guteza imbere serivisi zinoze zihabwa abanyamuryango no kugeza serivisi z'ubuvuzi ku banyamuryango mu buryo bworoshye hibanzwe cyane cyane ku mpande z'igihugu zidafite ibigo by'ubuvuzi bihagije.

## Ibisabwa:

Iri soko rifunguye gusa ku **mavuriro y'ibanze yo ku rwego rwa kabiri** aherereye mu Turere twa **Burera, Gicumbi na Nyagatare.**

**Iby'ingenzi bigendanye n'Isoko:**

Gusaba bizakorwa hakoreshejwe **ikoranabuhanga kuva ku wa 25 Nzeli kugeza tariki ya 3 Ukwakira 2025**
Amadossier atangwa kuri aderesi ikurikira

- **Aderesi ya mbere:medical.application2025@rssb.rw**
- **Kopi kuri: info@rssb.rw**

**Dosiye zisabwa:**

Impapuro zose zisabwa zigomba guherekezwa n'ibaruwa isaba amasezerano yandikiwe Umuyobozi Mukuru, igaragaza izina ry'ivuriro ry'ibanze n'aho riherereye, Uhagarariye ivuriro mu buryo bw'amategeko n'amazina y'umukozi ushinzwe ibikorwa by'ubuvuzi mu ivuriro,

**Dosiye ziherekeza ibaruwa isaba ni izi zikurikira:**

- Kopi y'indangamuntu y'uhagarariye ivuriro n'ushinzwe ibikorwa by'ubuvuzi
- Kopi y'indangamuntu y'abandi bakozi batanga serivisi z'ubuvuzi mu ivuriro ry'ibanze
- Impamyabushobozi y'ubuforomo/ ububyaza yo ku rwego rwa A1/A0 cyangwa "Clinical Officer A1/A0" y'umukozi ushinzwe ibikorwa by'ubuvuzi n'abandi bakozi bakora umurimo wo kuvura iriho umukono wa Noteri
- Inomero za "caisse sociale" z'uhagarariye ivuriro n'abandi bakozi bose bavura
- Uruhushya (License) rwemerera abakozi bavura gukora umwuga w'ubuvuzi ruriho umukono wa Noteri rutangwa n'Inama y'igihugu y'Abaforomo, Abaforomokazi n'Ababyaza cyangwa Urugaga rw'abakora imirimo ishamikiye ku buvuzi rufite agaciro (rutararenza igihe)
- Kontaro y'akazi y'umukozi wese utanga service z'ubuvuzi
- Icyemezo cy'umukoresha wa nyuma cy'umukozi ushinzwe ibikorwa by'ubuvuzi (kopi)
- Amasezerano yo gucunga ivuriro ry'ibanze yagiranye n'Akarere

- Ibaruwa ya Minisiteri y'Ubuzima yemerera ivuriro gutanga serivisi z'amenyo cyangwa iz'amaso (mu gihe zihari)
- Icyemezo kigaragaza ko ivuriro ribaruwe mu Kigo cy'Igihugu cy'Iterambere "RDB" kigaragaza abanyamigabane (kopi)
- Icyemezo gitangwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere "RGB" kigaragaza ko umuryango utegamiye kuri Leta (NGO) ubaruwe mu Kigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere "RGB" mu gihe ivuriro rirebererwa n'uwo muryango.
- Amasezerano yo gutwika imyanda idashobora gutwikirwa ku rwego rw'ivuriro ry'ibanze

Ku bindi bisobanuro:

- **Andikira: contract.partnerships@rssb.rw**
- **Hamagara umurongo utishyurwa: 4044**

**Icyitonderwa:**

Dosiye zitubahirije ibisabwa na Dosiye z'amavuriro aherereye mu tundi turere ndetse n'ibyiciro by'amavuriro bitateganyijwe n'iri soko ntabwo zizahabwa agaciro.

Turabasaba gusoma neza ibisabwa mbere yo kohereza ubusabe bwanyu.

Turifuza kubaka imikoranire izira amakemwa bityo bizateze imbere serivisi z'ubuvuzi zihabwa abanyamuryango bacu.

Bikorewe i Kigali, ku wa ...25 / 09 /2025..

Signed by:
6D5F63E62FA94F6...

DS

**Regis RUGEMANSHURO**
**Umuyobozi Mukuru**